# IMFASHANYIGISHO YA 04: KUBUNGABUNGA IGICUCU MU MURIMA WA KAWA

**Kubungabunga igicucu mu ikawa** ni uburyo bwo guhitamo, gutera no kwita ku biti bitanga igicucu kugira ngo bigabanye izuba rikabije, bikarinda ikawa ihindagurika ry'ubushyuhe no gutakaza amazi menshi, bityo bikayifasha gukura neza no gutanga umusaruro mwiza. Ibi bikubiyemo gutema no kugabanya amashami y'ibiti bitanga igicucu kugira ngo kitabuza ikawa kubona umucyo uhagije, guhitamo amoko y'ibiti bijyanye n'aho ikawa ihinze, no kubungabunga ubutaka n'amazi. Kubungabunga igicucu neza bituma ikawa iramba, ikagira ubuzima bwiza kandi ikagira umusaruro n'ubwiza bihamye



**Izuba**

**Ingaruka z'izuba ryinshi n'akamaro k'igicucu ku giti cya Kawa**

**Izuba ryinshi ritera ikawa:**



- Ubushyuhe bwinshi mu butaka no ku mamababi
- Itakara ry'amazi menshi yo mu butaka no mu mababi
- Umuyaga
- izuba ryinshi rihungabanya ibiti bya kawa


**Gicucu gitera imikoreshereze myiza y'umutungo**



- Ubutaka
- Amazi
- Umucyo

Ikawa ya arabica yishima cyane iyo iri munsi y'igicucu.

**Akandi kamaro k'ibiti bitanga igicucu mu ikawa**

| | |
|---|---|
|  | ■ Kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima |
|  | ■ Kurwanya ikirare n'ibyatsi byimeza mu ikawa |
|  | ■ Gufasha ubutaka gutindana amazi no kurwanya isuri |
|  | ■ Kongera ifumbire mborera mu butaka ituruka ku ihunguka ry'amababi |
| | ■ Kuzitira no kugabanya umuvuduko w'umuyaga |
|  | ■ Hari ubwoko bw'ibiti bigarura ifumbire ya Azote/Nitrogen mu butaka biyikuye mu kirere |

**Ibiranga igiti gitanga igicucu cyiza**

- ✓ Igiti gikura vuba kikaba kirekire kugirango gitange igicucu hakiri kare
- ✓ Gifite amababi atuma urumuri rwinjira buhoro, amababi adakomeye cyane kandi adafungirana izuba ryose
- ✓ Gifite imizi miremire, ikura ijya mu kuzimu kubryo idacurana n'ikawa intungagihingwa

- ✓ Gishobora kongera ifumbire mu butaka kigakurura azote yo mu kirere kiyisubiza mu bitaka
- ✓ Gifite imizi ifata ubutaka neza ikarwanya isuri kikaankumira umuyaga
- ✓ Ntikwiye kuba icumbi ry'indwara cyangwa udukoko twibasira ikawa
- ✓ Kwirinda ibiti bigira impumuro mbi (toxins) ibangamira ikawa








**Urugero rwiza rw'igicucu ni 20-40%**

- ➢ Bisobanuyeko igiti kitagomba gutwikirwa ijana ku ijana. Ahubwo buri giti kigomba gutwikirwa kubuso bungana na 20 kugeza kuri 40 ku ijana.
- ➢ Umuhinzi agomba gucunga ko ibiti bitanga igicucu bitabudika bigatwikira cyane ibiti bya kawa.
- ➢ Umuhinzi agomba kugabanya amashami n'amababi by'ibiti bitanga igicucu kugirango izuba ritambuke rigere ku giti ku kigero cya 60-80%.
- ➢ Aya mashami agabanywa mumpera z'impeahyi, izuba ritangiye kugabanya ubukana. Ubuso bw'igiti cya kawa budatwikiriye bugomba kuba buruta ubuso butwikiriye.
- ➢ Ibiti bitanga igicucu, bigomba gukura bigahuriza amashami hejuru cyane kugirango ibiti byose bya kawa butwikirwe.
- ➢ Ni byiza gutera ibiti bitanga igicucu mbere yo gutera kawa cyangwa nibura kubiterera rimwe kugirango bitangire gutwikira kawa hakiri kare.

**rw'ibiti bitanga igicucu**

|  |  |  |
|---|---|---|
| **Umwungo** | **Umunyinya** | **Umusebeya** |

**Urutonde rw'ibiti bitanga igicucu mu ikawa n'ahantu bikunda kuba:**

| **Ubwoko bw'igiti** | **Agace k'ubuhinzi igiti gikuramo neza** |
|---|---|
| **Calliandra** | Savane y'iburasirazuba, ibisiza by'iburasirazuba, n'ibyo hagati, n'imisozi miremire yo mu buberuka |
| Acassia/Umunyinya | Ibisiza by'iburasirazuba n'iby'iburengerazuba |
| Ficus /Umuvumu | Ibisiza byo hagati, ibisiza by'iburasirazuba, savane y'iburasirazuba |
| Erytrina/Umuko | Ibisiza byo hagati , isunzu rya kongo nile |
| Sesbania | Savane y'iburasirazuba, Ibisiza by'iburasirazuba, ibisiza byo hagati, imisozi miremire ya Buberuka, isunzu rya kongo nile,inkengero za kivu, Imbo, |
| Cordia africana | Ibisiza by'iburasirazuba, ibisiza byo hagati, isunzu rya kongo nile n'inkengero za kivu, imbo |
| Albizia | Amayaga, inkengero za kivu, imbo, imisozi miremire ya Buberuka, |
| Poluscia | Isunzu rya kongo nile, Imisozi miremire y'ibuberuka, imisozi miremire yo bu birunga, |
| Leucaena | Savana y'iburasirazuba, amayaga, imirambi y'iburasira zuba, |

Nibyiza ko umuhinzi abaza umugoronome umwegereye igihe ashaka guhitamo ibiti bitanga igicucu akamugira inama z'amoko y'ibiti byatanga igicucu cyiza biberanye n'agace aherereyemo

Ibiti bitanga igicucu biterwa ku ntera ya m6, byamara gukura bikicirwa kugera ku ntera ya m12 bitewe n'ubwoko bw'ibiti n'imiterere y'ikirere cy'aho kawa iteye